REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYARUGURU
AKARERE KA RULINDO
Ref: Administration. &H.R

ITANGAZO RYA CYAMUNARA CY'IBINYABIZIGA BYA LETA

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rulindo buramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko taliki ya 05/06/2020 kuva saa yine (10H00'') za mu gitondo hari icyamunara cya za moto (Amapikipiki n''imodoka; cyamunara y'amapikipiki izabera ku cyicaro cy'Akarere ka Rulindo naho icy'imodoka kikazabera ku Bitaro bya Rutongo no ku Kigo Nderabuzima cya Rutonde.
Gusura ibyo binyabiziga ni ku mataliki ya 2/6/2020; 3/6/2020 no ku wa 4/6/2020 kuva saa yine za mu gitondo kugeza saa sita z'amanywa.
Icyitonderwa: amapikipiki azasurirwa ku cyicaro cy'Akarere ka Rulindo naho imodoka zizasurirwa ku Bitaro by'Akarere ka Rulindo bya Rutongo no ku Kigo Nderabuzima cya Rutonde.

Icyitonderwa:

- Uguze asabwa kwishyura ako kanya amafaranga yose cyangwa 30% y'igiciro yemeye kuri buri gikoresho.
- Mu gihe yishyuye 30%, asigaye ayishyura bitarenze iminsi itatu nyuma y'umunsi isoko ryabereyeho,atayishyura akamburwa uburenganzira ku byo yaguze kandi amafaranga yari yatanze ntayasubizwa.
- Uwishyuye amafaranga yose asabwa gutwara icyo yaguze bitarenze iminsi itatu amaze kwishyura,atabyubahiriza akazishyura amafaranga angana na 10% y'agaciro k'ibyo yaguze yo kugicungira umutekano ku munsi.
- Abazishyura bakoresheje sheki bagomba guteganya izingana n'umubare w'ibyo bazagura kuko buri kintu kishyurwa ukwacyo kandi buri Sheki igomba kuba yemejwe na Banki (certifié).

Bikorewe i Rulindo ku wa 26/05/2020

BIZUMUREMYI Al Bashir
Umunyamabanga Nshingwabikorwa
w'Akarere ka Rulindo

Scanned with CamScanner